

Mardi 24 janvier 2012

Rwanda : Mu ngabo z'igihugu hari abashyigikiye amafuti ya Leta ya Paul Kagame. Frank K.



Turasaba abapadiri bashinzwe ikinyamakuru leprophete ko batunyurizaho iyi nkuru yacu. Twashimye ukuntu mumaze iminsi mwandika mugaragaza akarengane abaturage bahura nako ku mpamvu z'ubutegetsu bubi bw'igitugu . Natwe hano mu gisilikari hari ibibazo byinshi cyane ariko wabireba ugasanga bishingiye kuri izi ngingo 2 zikurikira :

1.Akarengane gakabije.

Guhera mu mwaka ushize igihe hatangiraga za grenades muri Kigali, hari abasilikari bacu benshi bafunzwe abandi baricwa abandi baburirwa irengero kandi barengana. Ntabwo twumva neza ukuntu abasoda barwaniye igihugu bakakibohoza bakomeza gusuzugurwa no kwicwa urwagashinyaguro kandi bakaba batagira urwego rutabogamye rwakumva ibibazo byabo ngo rubarenganure. Bityo rero demokarasi n'imiyo borere myiza bivugwa muri iki gihugu twe ntabyo tubona cyangwa se ahari bigera ku bandi ariko twe ntibiratugeraho !

2.Munyangire irenze urugero

Kuva Afandi Nyamwasa yahungu ndetse akenda no kwicwa Imana igakinga akaboko hano mu gisilikari hahindutse byinshi cyane. Benshi

bakomeje guhatirwa kubeshyera bagenzi babo kugira ngo bakunde barebwe neza. Ntabwo ari byiza kandi ntibyubahisha ingabo z'igihugu. Ikinyoma kirasenya nticyubaka .Hari abasilikari benshi bakomeje guhorwa inzangano ziri hejuru mu bayobozi, mu buryo bwo kubarenganya. Abafunzwe n'abishwe ntibagira umubare. Ndetse hari abasilikari amagana barigitishijwe baratubeshya ngo bahunze nyamara twe tuzi ko bishwe nabi. Ikindi gikomeye ni uko bamwe mu bayobozi bacu bakomeza gusuzugurwa cyaneeee birenze igipimo. Bishoboka bite ko abantu bafite ranki y'aba officers bakubitwa nk'imbwa, bakirukanwa nta kosa kandi ntibagire aho baregera ? Umuntu akaza akakurasa nk'urasa itungo, bikarangirira aho nta rundi rubanza. Ubutabera burihe ? Umusilikari se ni igitungwa cy'umuntu ku giti cye cyangwa ashinzwe kurengera umutekano w'igihugu cyose !

3. Abakuru bacu baherutse gukurwa mu myanya yabo.

Iki kibazo nacyo ntabwo tukivugaho rumwe. Biragaragara ko muri bariya bitwa ko bafunze harimo abagana mu kwicwa . Kandi rero uko tubazi bararengana. Nyamara ni abasilikari b'agaciro gakomeye, bajijutse, ariko buriya bagiye gupfa nk'inyamafu! Ntabwo ari byiza, biratubabaje cyane. Ntabwo dushobora gukomeza gushyigikira Leta nk'iyi igendera ku mafuti n'Amahanga ubwayo akomeje kwamagana. Turagira ngo tuyimenyeshe ko niba itisubiyeho ngo ireke abaturage bisanzure mu gihugu kandi n'ingabo zigihugu zigire uburenganzira zihabwa n'amategeko, natwe tuzahagarika kuyishyigikira. Kandi nyine twabyiyemeje. Harakabaho ubumwe bw'Abanyarwanda.

Frank T. Umusirikari mu ngabo z'u Rwanda.